

# Ihame ry' ubuyobozi mu Gusobanukirwa iby' abantu



*“Uwiteka niwe utanga ubwenge, mu kanwa ke havamo kumenya no kujijuka” Imigani 2:6*

Byandistwe na rwiyezamirimo,  
John E. Schrock

*Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.*

Ese ni kuki nashaka gusobanukirwa iby'abantu? Iki ni ikibazo cyiza. Hari impamvu nyinshi, ariko turebe zimwe z'ingenzi:

1. Bizaturinda amakimbirane menshi.
2. Tuzashobora kuyobora no gutera abandi umwete.
3. Bizaduha umutima w'imbabazi.

Umugabo w'umunyabwenge Solomon, yavuze cyane ibyerekeranye ubwo bw'abantu—abapfapfa, abashotoranyi, ab, 'inyeshyamba/ indakoreka, abanebwe hamwe n'abandi. Yari umunyabwenge kuko abo bese yari abazi kandi yamenyaga uburyo abafatamo. Yubatswe izina cyane binyuze mu gusobanukirwa abantu, ni uko babyita “ubwenge”. Iyo tudasobanukiye abashotoranyi n'inyeshyamba, tuzagira amakimbira atari ngombwa nabo bityo nabo tubishyiremo—maze usange byatubabaje kurusha abatuvuze nabi. Kimwe n'abantu bari mu bucuruzi tugomba gusobanukirwa abakozi bacu kugira ngo dushobore kubatera umwete, naho ubundi tuzagira tuzagira umusaruro udashimishije wakonona ubucuruzi bwacu. Tugomba kandi no gusobanukirwa/ kumenya abakiriya bacu—icyo bashaka, n'impamvu bayishaka. Hatabayeho gusobanukirwa ibyo abakiriya bacu bakeneye dushobora kuba tubagaburira neza nyamara tutabahaza uko bifuzwa. Rimwe na rimwe icyo bashaka ni ukuba ni ugushimirwa cg kugetegwa amatwi. Buri wese agira byibuze ibintu bine akenera:

1. Gukundwa no gushimirwa.
2. Kumva afite agaciro kandi ko hari icyo yageraho.

3. Kumva ko afatwa nk'abandi bese aho agiye.

4. Kumva atekanye.

Tugomba rero kubishyira hafi mu mutwe wacu igihe cyose dukorana n'abantu, utitaye ikibazo uko cyaba kimeze. Mu icungamari habamo isomo ryo gutera abakozi umwete kugira ngo bakore neza umurimo ufasha abandi. Birakomeye rero gutera abantu bacu mu gihe tutazi ibyo bakeneye. Tugomba kumenya aho bakomeye naho boroshye, bityo akubafasha uzi itege zabo. Ikiye nziza iba igizwe n'abantu b'ingeli zitandukanye mu mpano bafite. Intege nkeya z'umuntu umwe zigomba kungarirwa n'imbaraga za mugenzi we. Mu kanwa k'uwiteka havamo ubwenge no gusobanukirwa, rero mu gihe mu by'ukuri tumushatse dufite inyota y'ubwenge, Ni ukuri arabuduha. Uwiteka aravuga, “kubaha imana niko kumenya ubwenge”. Aha rero iyo twamenye impamvu bitwaye mu buryo runaka icyo bakoze hamwe nicyo bari cyo none, tuzamenya icyo tuzabwira gikwiye.

Iyo dusobanukiye biduha kandi kugira imyumvire yo kubabarira. Yesu yari azi abamushinjaga. Niyo mpamvu yavuze ati, “Mana babarire, kuko ntabwo bazi ibyo bakora.” Mbega

imyumvire! Kubabarira byaramubangukiye kuko yari azi ukutamenya cg se impamvu yabateye kubikora. Kimwe natwe, dushobora kubabarira abandi vuba mu gihe twiyizi. Muri rusange, abantu bashaka kugwa neza no kuba beza, ariko kubera ibibazo n'igitutu ubuzima budushyiraho maze bagatakaza ibyiringiro n'inzozi zabo. Akenshi, bumva bibabaje akanya gato gusa nyuma yo gukora ikintu gihubutse. Ibi biduha amahirwe yo kubabwira ijamba ry'ubwenge. Akanya ko kubaka abantu ni igihe bacitse integer; ntabwo bashobora kutwumva iyo bari maso. Dukenye rero kwiyemeza kwiha iyi nshingano yo gusobanukirwa abantu. Imana izaduha umugisha ndetse ina tugarorere n'umutima w'imbabazi, kandi izaduha amahoro n'ibyishimo mw'isi y'amananza n'amakimbirane.

*Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:*

**Umusingi ku byagezweho.**

## Ibazo byo kwibazaho:

Abantu benshi bazapfuka amatwi yabo ku nama bagirwa ariko abantu benshi bazafungura amaso ku ngero babona.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed